

SOLIDARITY

ROJAPED

Vol. 004 Nzeri, 2016

Magazine

Solidarity

www.solidarity1.net

FREE

ROJAPED - SOLIDARITY P.O Box 4305 Kigali - RWANDA, Phone: +250- 788521257, +250785686699 e-mail:rojaped2014@gmail.com

2015-2016:Umwaka wo kwesa imihigo mu Karere ka Gasabo



Aho Meya Rwamurangwa yongeye gutorerwa kuyobora akarere ka Gasabo kugira ngo akomereze aho yari agejeje, ntawo byamugoye kuko niwe wari wabitangiyeye afatanije na Njyanama ye, ibi ntibyatanzwe bahereye ku gikombe gitegurwa na RGB cya Mayors cup kubera

Komeza ku urup. 3

Uko Kayitare yarokoye Abatutsi 30, akarera imfubyi zisaga 20 agendera mu kagare



Nubwo ku bigaragara nta mbaraga z'umubiri yari afite kubera ko yamugariye ku rugamba, Kayitare Gaita yabashije kurokora abatutsi bagera kuri 30 mu gihe cya Jenocide, igikorwa cy'ubutwari ashimirwa na benshi.

Komeza ku urup. 2

CBM:

IMPROVEMENT OF GAHINI PHYSICAL REHABILITATION CENTRE (CRF)



MYRIGHT Empowers People with disabilities



NUDOR: DISABILITY RIGHT FUND MET DISABILITY PEOPLE ORGANIZATIONS



Ijambo ry'ibanze

Abafite ubumuga banyotewe no kujyana n'abandi mu iterambere



Aimable Bukebuke
Umuyobozi wa
ROJAPED- Solidarity

Leta y'u Rwanda Ligerageza kubahiriza politiki yo guha abafite umuga uburenganzira bwabo nk'uko amategeko mpuzamahanga

abiteganyaga. Inyubako ziri kuzamurwa, zigena inzira y'abafite ubumuga, n'ubwo zikiri nke, ariko ubushake bwa politiki burahari. Amazina abapfinagaza yaramaganwe. Bahagarariwe mu nzego z'ibanze kugeza mu nteko ishingira amategeko. Ibyo ni ibyo gushimirwa! Ariko iyo ntambwe ntishobora kuba ndende, mu gihe imyigishirize itarabaha ubwisanzure. Ni ukuvuga abafite ubumuga bwo kutavugaga,

amarenga yabo ngo yigwe mu mashuri nderabarezi, bityo hazaboneke abarimu bazi kuyigishamo. Kuba hari amashuri yihariye abo bana bashyirwaho, buriya nabo bumva ari akandi kato. Bagomba kumenyerana n'abandi bagakura batabishisha, bityo bahurira ku murimo ntibababere ipfunwe. Abafite ubumuga bwo kutabona nabo, hari

Komeza ku urup. 3

Imihigo: Gasabo yatuye akeso k'ipfunwe iba iya mbere, Musanze iherekeza utundi

Ibikurikira urup. 1

imiyoborere myiza yako Karere baracyegukanye.

Mu mwaka wa 2014 Gasabo mu kwesa imihigo y'Uturere yari yaje ku mwanya wa 28 mu mwaka wa 15 aho Rwamurangwa amariye kwinjira mu karere Gasabo yabaye iya 8 aliko kubwimikoraniye myiza na Njyanama uyu mwaka wa 2016 baje ku mwanya wa 1 ari nacyo gihembo gikuriye ibindi byose aka Karere kabonye.

Ubwo habaga amatora yabahagarariye NCPD mu turere mu karere ka Gasabo hari hasanzwe uwitwaga Musoline Eugene akaba ari nawe wongeye gutorerwa uwo mwanya kuri ako Karere kugira ngo akomeze akorane na Mayor Rwamurangwa gukomeza kwesa imihigo ya karere, akaba ari nabwo yasabaga Meya ko yakwitabira imikino ya Nyuma muri Sitting Volleyball aho ako karere kari gafite amakipe 2 y'abagabo hamwe niya bagore.

Shampiyona ya Sitting Volleyball yasojwe tariki ya 6 Kanama 2016 kuri Peti Sitade (NPC Gymnasium) mu bagabo ikipe y'Intwari yo mu Karere ka Gasabo yaje ku mwanya wa mbere nyuma yo gutsinda bitayoroheye Gisagara bityo ihita igira amanota 27, mu gihe Gisagara yari imaranye imyaka ibiri icyo gikombe yaje ku mwanya wa



Mu mwaka wa 2014 Gasabo mu kwesa imihigo y'Uturere yari yaje ku mwanya wa 28 mu mwaka wa 15 aho Rwamurangwa amariye kwinjira mu karere Gasabo yabaye iya 8. (Photo/ Net) kabiri n'amanota 24, Musanze iba iya gatatu n'amanota 21.

Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo Bwana Rwamurangwa Stephen yashimishijwe nuko imikino ya Sitting Volleyball yasojwe ubwo harangizwaga Shampiyona yiyi mikino aho intwari zombi (Abagabo n'abagore) zegukanye ibikombe.

Gushyira hamwe no kumva ko bashyigikiwe nubwo byari bitaremezwa aliko kubona Meya Rwamurangwa w'Akarere ka Gasabo byabongereye imbaraga, bituma banegukana igikombe.

Meya w'Akarere ka Gasabo wari urebye uwo mukino bwa mbere byatumye yemerera izo ntwari ubufatanye buhoraho kuko yabonye ko bashoboye

ikindi cyatumye intwari z'abagabo zegukana igikombe nuko aribwo bwa mbere bari babonye umuyobozi witwaga ko bashyigikiye aza kureba iyo mikino kuko ubundi akarere kateraga inkunga intwari ibihumbi 500 ku mwaka.

Nyuma yo gusobanurirwa n'umuhuzabikorwa w'abafite ubumuga mu Karere ka Gasabo Bwana Musoline Eugene uko imikino ya Sitting Volleyball ishimishije Meya hamwe na Visi Meya ushinze ubukungu biyemeje kuza gushyigikira amakipe abarirwa muri Gasabo maze nayo makipe ntiyabateraza yegukana ibikombe, Umukino ntabwo wari woroshye gusa Gisagara yari yizewe ko ari ibisanzwe nkuko basanzwe babatsinda.

Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo

Rwamurangwa Stephen nyuma yo kubona aho ikipe y'Intwari itwara igikombe yagize icyo avuga kubera ibyishimo ati "nta mpamvu n'imwe yatuma tutabashyigikira, no gutwara igikombe nayo n'indi motivation itwerekako namwe ubwanyu mushoboye".

Meya wa Gasabo yakomeje avuga ko mbere batari bazi ibijyanye na siporo y'abafite ubumuga, ariko ashimira ikipe y'Intwari yihanganiye kubaho nta bundi bufasha ifite ati "mbere ntitwari tuzi ibyo ari byo mwishatse imbaraga nk'Intore mwishakamo ibisubizo, ibyo muzabura ni ibyo tudafite", Meya wa Gasabo Rwamurangwa yaje kureba imikino ya nyuma ya shampiyona y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga ari kumwe n'umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinze Ubukungu ari we Mberabahizi Raymond.

Nzeyimana Celestin umuyobozi w'imikino y'abafite ubumuga (NPC) nawe akaba ashimishwa nuko iri rushanwa ryagenze kugera ku muni wanyuma nubwo ibibazo bitabura kuko mu mikino isoza habuzemo Uturere 3 aritwo Burera, Huye na Nyagatare, aliko natwe twabuze ku muni wanyuma kubera amikoro tukaba dushima uko utundi turere twitwaye muri iyi mikino ya Sitting Volleyball.

Abana bafite ubumuga bwo mu mutwe bagira inshuti nke zibitaho

Mu myaka yo hambere, abana bafite ubumuga babagaho mu buzima bwo kwigunga, bagahabwa akato ndetse ntibagire inshuti, akenshi ugasanga ntibitaweho. Ibi byatumye umuryango w'ababikira witwaga inshuti z'abakene utangira gufasha abana ngo bababere inshuti, nyuma yo kubona ko abantu babitaho ari bake. Nyuma y'aba babikira batekereje ku bana bafite ubumuga, abadventiste b'umunsi wa karindwi nabo hari icyo bakoze.

Genocide yabahe mu 1994 yasigiye u Rwanda ibibazo byinshi harimo n'abana bagize

ubumuga buturutse kuri ibyo bibazo. Mu karere ka Kicukiro, mu murenge wa Gahanga habaga abapadiri baba Seliziyane bafashaga abakene.

Nyuma ya Genocide, aba bapadiri baje kugenda biba ngombwa ko basaba umuryango w'ababikira witwaga inshuti z'abakene kujya gutangizayo ikigo kitwaga Inshuti zacu, maze gitangira kuba inshuti z'abana bafite ubumuga. Taliki ya 14 Gicurasi 2000, iki kigo cyatangiranye n'abana batatu bafite ubumuga bwatumaga imiryango yabo itumvikana. Iki kigo cy'inshuti z'abakene cyakomeje kugenda

cyakira abana bafite ubumuga kugeza ubu bakaba bafite abana 36 barera.

Maman Gatherine Genevieve washinze umuryango "inshuti z'abakene" avuga ko intego yawo yari iyo gufasha abakene. Yonakomeza avuga ko, uko bajyaga mu miryango itandukanye bahasangaga ibibazo bitandukanye cyane cyane ibyo kuba hari abana bavuka bafite uburwayi bwo mu mutwe bigatuma iyo miryango itandukana kubera kutihanganira ubwo burwayi bwabaga bwabonetse muri uwo muryango, ibintu byatumye Maman Gatherine yumva

ko hagomba kubaho inshuti z'abatazigira kandi hakaba n'ababyeyi b'abana batabagira.

Uyu Maman Gatherine nyuma yo kuba afite ubumuga ndetse akabona nuko abana bafite ubumuga basaba gukorerwa imirimo myinshi yashatse guhumuriza ababyeyi bafite abana kugira ngo abafashe kurera abana. Nubwo aba Seliziyani bari bamusabye kujya gufasha abakene ba Gahanga, we yaje kubona ko ibibazo byabo bana nabyo atabyirengagiza.

Itorero ry'abadventiste b'umunsi wa karindwi
Komeza ku urup. 11

ROJAPED P.O Box 4305 Kigali - RWANDA,
Phone: +250- 788521257
e-mail: rojaped2014@gmail.com

Ijambo ry'ibanze

Abafite ubumuga banyotewe no kujiyana n'abandi mu iterambere

Ibikorikira urup. 1

ibikoresho by'ikoranabuhanga biriho bibafasha gusomesha intoki. Ariko biracyabarirwa ku ntoki, ku buryo abashoboye kubikoresha ari bake cyane. Aho naho ni aho gushyirwamo imbaraga.

Mu rubuga rw'imikino iyo ntambwe yaratewe, habaho imikino ndetse n'ishyirahamwe ryabo riremewe mu mikino Olympique. Kandi byagaragayeko iyo baserutse bahesha igihugu ishema. Ni mucyo rero tubafashe kugera ku bumenyi duherewe ku burezi, maze no ku ruhando rw'umurimo babonekemo. No mu itangwa ry'akazi sishyashya! Hari aho kugira ngo bahe akazi ufite ubumuga bigomba kuba ari nk'amaburakindi habuze undi wabishobora. Abo bakirebera ubushobozi bw'umuntu ku ngingo z'umubiri, bikubite agashyi, kuko igihugu cyacu ntigikeneye abakiranyi gusa, gikineye cyane abafite mu mutwe hazima!

Ubushake bwa politiki burahari, rero no mu bikorwa, imvugo nibe ariyo ngiro.

Abagize Inama y'ubwanditsi

UMUYOBOZI MUKURU: Bukebuke Aimable

UMUNYAMABANGA W'UBWANDITSI:

Marie Solange Manishimwe

ABANYAMAKURU: Casmiry Kayumba, Solange Manishimwe, Jean Pierre Habimana, Twagirimana Eugène, Racheal M.Nyurwa, Cyusa Gibril, Sam Gody Nshimiyimana

GRAPHICS & DESIGN: Jean B. Kayitare

PHOTOGRAPHY: Viateur Nzeyimana

Uko Kayitare yarokoye Abatutsi 30, akarera imfubyi zisaga 20 agendera mu kagare

Ibikorikira urup. 1

Kayitare w'imyaka 52 y'amavuko, atuye mu Kagari ka Kamashashi mu Murenge wa Nyarugunga mu Karere ka Kicukiro, akaba avuka mu Karere ka Nyamasheke.

Agendera mu kagare k'abafite umubuga nyuma yo kumugarira mu gisirikare mbere ya 1990.

Mu kiganiro yagiranye n'itangazamakuru, yavuze ko nubwo yahuye n'ibizazane bitandukanye mu buzima, bitamubujije kugira umutima wa kimuntu no gukora ibikorwa by'ubutwari ashimirwa na benshi.

Avuga ko mu 1990 yabonaga uburyo abatutsi barenganwa, ndetse bagakorerwa n'ihohoterwa ritandukanye, bigeze mu 1994 ho biba akarusho.

Yagi ati «Indege yari itwaye Habyarimana nayibonye ikongoka, dore ko nari ntuye i Kanombe. Nahise njya mu bitaro bya Kanombe aho nakoraga kuko hari abantu bahigwaga bari baharwariye njya kureba



Kayitare. (Photo/ Solidarity Magazine)

uburyo nagerageza kubahisha.»

Ubwo yabonaga ibintu birushaho gukomera, yafashe icyemezo cyo kubahungana berekeza i Butare ariko na ho basanga ari nko guhungira ubwayi mu kigunda, icyakora ahakura abandi bakomeza berekeza i Cyangugu ahitwa i Gihundwe, ubu ni mu Karere ka Rusizi.

Ati «Si ubushobozi bwanjye, abantu Imana yamfashije kurokora bose hamwe ni 30, nari umusirikare usanzwe wo ku rwego rwa caporal, nta zindi mbaraga zidasazwe nari mfite.»

Urukundo akunda

abana rwatumye abase w'imfubyi

Jenoside yakorewe Abatutsi irangiye, Kayitare hamwe n'abo yarokoye bagarutse mu Mujyi wa Kigali, atangira ubucuruzi abifashijwemo n'umuvandimwe we akaba yari afite intego yo kuzirikana imfubyi.

Kayitare avuga ko yaje kubona amafaranga ayakesheje ubucuruzi, maze agahitamo kuyasangira n'imfubyi n'abatagira kivurira

Akomeza agira ati «Nkunda abana cyane, ngakunda n'ibidukikije. Ni muri urwo rwego nafashe icyemezo

Komeza urup. 4

Uko Kayitare yarokoye Abatutsi 30, akarera imfubyi zisaga 20 agendera mu kagare

Ibukurikira urup. 3

cyo kujya nakira umwana umwe buri mwaka. Ubu bamwe barangije amashuri yisumbuye ndetse na kaminuza, ariko iyo umwe avuyemo mfata undi bityo bityo. Ubu abana bamaze kunyura imbere yanjye barenga 20 harimo abo dufitanye isano n'abo nagiyeye ntoragura.”

Nyirahategekimana Marie Joséé, mwishywa wa Kayitare, avuga ko yatangiye kumurera afite imyaka ine y'amavuko, ubu akaba afite 28.

Yagize ati «Hari abana benshi yafashije ari abo bafitanye isano hamwe n'abo batayifitanye kandi



Nyirahategekimana Marie Joséé, umwe mu barezwe na Kayitare

twese agakurikirana uburyo tubaho n'uburyo twiga. Ubu nkanjye

narangije Kaminuza. Umuntu wese wabuze aho ajya aramutoragura akamurera. »

Kayitare ni umwunzi mu Murenge wa Nyarugunga, akaba n'umurinzi w'igihango

Abaturage bashingiye ku bikorwa by'indashyikirwa yagiye akora, bamutoreye kuba umwe mu bagize komite y'Abunzi mu Murenge wa Nyarugunga, uyu mwanya akaba awumazeho igihe kitari gito. Mu muganda rusange ushize ukwezi kwa Kanama 2016, Kayitare yatorewe kuba umurinzi w'igihango.

Icyo yifuza n'ubutumwa yageneye abafite ubumuga

Kayitare yifuza kubona abantu batekanye, bakagira ubumwe bakiyunga, kandi akazasiga inkuru nziza n'umurage muzima imusozi.

Akomeza avuga ko abafite ubumuga badakwiye kubyitwaza, ngo bibatere kwirambirwa.

Ati « Ubumuga bubi ni ukudatekereza, ubutumwa nabaha ni ukutiheba no kutirambirwa, kuko abafite amaguru bese siko babyina, abafite amaboko bese siko bakora ibyiza, abafite amaso ntibahitamo ibyo bareba, abafite amatwi ntibumva ibyo bashaka. Niyo mpamvu abadafite ingingo zimwe na zimwe dukwiye kumva ko nta mpamvu yo kwiheba. »

Mu bana 2 189 bakiriwe n'imiryango, 65 gusa ni bo babaye ababo bwite

* Imyaka 4 irashize gahunda ya 'Tubarere mu muryango' itangiye,

* Intego yari uko mu myaka ibiri nta mwana wari kuba akirerwa mu kigo cy'imfubyi,

* Abana 1 184 baracyari muri ibi bigo...

Hashize imyaka ine mu Rwanda hatangijwe gahunda ya 'Tubarere mu muryango' igamije gukura abana barerwa mu bigo by'imfubyi bakajyanwa mu miryango, mu bana 2 189 bamaze kubona n'imiryango ibarera, 65 gusa ni bo bamaze kuba abana b'imiryango yabakiriye mu buryo bw'amategeko, ibizwi nko kuba 'Adopted'.

Dr. Uwera Kanyamanza Claudine umuyobozi wa komisiyo y'abana avuga ko mu bana basaga 2000 bakiriwe abamaze kuba adopted mu buryo bwa burundu ari 65 gusa

Iyi gahunda itangizwa muri 2012, leta y'u Rwanda yari ifite intego ko mu myaka ibiri nta mwana wari kuba akirerwa mu kigo cy'imfubyi.

Mu myaka ine ishize, haracyabarwa abana 1 184 bakirerwa mu miryango dore ko abamaze kubona ababakira ari

2 189 muri 3 372 barerwaga mu bigo by'imfubyi ubwo iyi gahunda yatanzwaga.

Komisiyo y'igihugu ishinze abana, ivuga ko muri abana 2 189 babonye imiryango ibakira, abafatwa nk'abana bwite bababakiriye (iby'ibita Adopted) ari 65 gusa.

Abana 65 gusa ngo ni bo imiryango iba yaramaze kugira ababo bwite mu buryo bw'amategeko, ikabandikisha ku buryo baba babagomba nk'ibyo bagenera abo bibyariye.

Komisiyo y'igihugu y'abana ivuga ko imiryango myinshi yo mu Rwanda itarumva akamaro ko kwinjira mu buryo bwa burundu (adopte) uwo mwana baba barera.

Abana 521 muri 1 184 bakiriye mu bigo bibarera nta miryango bakomokamo izwi, Komisiyo y'abana ikavuga ko ari zimwe mu mbogamizi zituma hakomeza kugaragara umubare munini



Dr. Uwera Kanyamanza Claudine.
(Photo/ Solidarity Magazine)
w'abana batahona ababakira.

Iyi komisiyo inavugaga ko hari bamwe mu bayobozi b'ibigo birera abana bimana imyirondoro y'abana kuko baba bafite inyungu bakurikiye mu kurera abana zirimo gusaba inkunga bakishyirira mu mifuko.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'iyi komisiyo, Uwera Kanyamanza Claudine avugaga kuri kwemerera umuryango ko ujyana umwana, bisaba ubushishozi buhagije kugira ngo uwo mwana azahabwe uburere bukwiye.

Ati " Ni gahunda twitondera, ntabwo wafata umwana ngo

uhite umushyira mu muryango, uwo muryango ubanza kumenya uwo ari wo, ukamenya impamvu agiye gufata uwo mwana ndetse n'ubunyangamugayo bwe, ni ibintu bifata igihe.”

Bamwe mu bakiriye abana, bavugaga ko impamvu abantu batitabira gutwara abana ari ko ubumuntu bwakendereye muri kamere yabo.

Kansayisa Anne Marie ufite abana 10 yibyariye n'abandi bane arera agira ati « icya mbere ni ukutagira ubumuntu, icya kabiri ni ubushobozi buke, ikindi ni ukwikunda. »

Ananenga abantu baba bafite abana bafitanye amasano barerwa mu bigo by'imfubyi. Ati « Umuntu udatuye ubumuntu nta mpuhwe zimuranga, kuko hari n'abana bakiba mu bigo kandi bafite imiryango bakomokaho.»

Ibigo na Minisiteri zifite mu nshingano uburera n'imibereho by'abana byakunze gutungwa agatoki na bamwe mu bayobozi bakuru barimo n'umukuru w'igihugu cy'u Rwanda, Paul Kagame aho yasabye izi nzego gushyira imbaraga mu kurangiza ibibazo bikiri mu burere bw'abana barimo n'ababa ku mihanda.

IMPROVEMENT OF GAHINI PHYSICAL REHABILITATION CENTRE (CRF)

“Establishing Gahini as a national referral centre of excellence for rehabilitation services in Rwanda”



New CRF infrastructure

Background of Gahini Rehabilitation Centre

The Centre de Réhabilitation Fonctionnelle (CRF) of Gahini is one of the departments of Gahini District Hospital situated in Kayonza District, Eastern Province. Gahini Hospital was built in 1927 by the Church Missionary Society as one of the development achieved to improve the health of the population in the region.

Founded in 1982, the CRF Gahini was the second centre to offer special care to persons with disabilities in Rwanda. The centre is nowadays providing comprehensive

rehabilitation services by means of Community Based Rehabilitation (CBR) services, physiotherapy, occupational therapy, orthopaedic surgery and orthopaedic appliances. Also Gahini is the main provider of orthopaedic materials for clubfoot treatment in the region, especially the Steenbeek Foot Abduction Brace (SFAB) which is distributed to different beneficiaries in Rwanda and the Democratic Republic of Congo (DRC).

Gahini Project 2016-2020

Following a series of different assessments and workshops carried out recently, it was recommended that CRF

Gahini be upgraded to a national referral rehabilitation centre of excellence, owing to its level of performance, comprehensiveness and considering the opportunity for Gahini to have committed partners that are willing to support that initiative including Gahini Diocese, the Rwanda Ministry of Health, Christian Blind Mission (CBM), the German Federal Ministry for Economic Cooperation and Development (BMZ), and the German medical technology company OttoBock through a five year project 2016-2020. This multiyear plan includes a number of strategic interventions focusing on

infrastructure upgrade, modern equipment provision, and staff capacity building among others.

At the end of 2020, CRF Gahini will be a modern centre operating as:

- A national referral Centre of Excellence offering comprehensive and quality rehabilitation services, delivered by a highly qualified and competent team of technicians and experts.
- A training Centre for orthopaedic technologists and physiotherapists from CRF Gahini and other rehabilitation centres in Rwanda.
- A centre conducting disability related research in the intervention areas.

UPHLS: Leave no one behind in bid to access HIV&AIDS, health services

Our Reporter

Since September, the year 2014, The Umbrella of Organizations of Persons with Disabilities in the fight against HIV&AIDS and health Promotion (UPHLS) was awarded by Center for Diseases Control and Prevention a three year grant to advocate for the inclusion of Persons with disabilities in HIV &AIDS programs and the health services.

The programme dubbed “Local Nongovernmental Partnerships for Sustained Country Leadership in Rwanda” had three targets.

They included among other targets strengthening PWDs local organizations (CSOs, NGOs, Fixed Base Operators (FBOs) capacity to advocate for and to ensure long-term sustainability of HIV Care and Treatment services and integration into Rwanda’s National Health system.

The other focus was to support and increase equitable access to HIV/ AIDS prevention, care and treatment services for PWD in Rwanda and increase in the capacity of PWD to provide HIV, care and treatment services to associations and organizations of PWD.

Since its inception, a number of activities have been drafted and

implemented from national level, districts to collaborate with disability organizations as well as promoting their activities.

The primary activity for the project was to conduct a mapping exercise for all institutions and centres providing services to persons with disabilities across the country.

Eventually, a total of 198 centres and institutions were visited and filled in a directory book which is available at our website www.uphls.org

In a joint collaboration with the Ministry of Health, RBC and NCPD, 10 Health Centres representing the 4 provinces and the Kigali City were shortlisted for the upgrading activities out of which 5 were selected. These included Kinyinya Health Centre in Gasabo, Nemba Health Centre in Gakenke, Rubengera Health Centre in Karongi, Gatagara Health Centre in Nyanza and Kabarole Health Centre in Gatsibo Districts.

At each health centre, an accessibility audit was conducted under the guidance of the Rwanda Housing Authority and based on the 2015 Construction Code. Ramps were fixed, signages were installed, tactile yellow walkways for blind users, accessible washrooms



The primary activity for the project was to conduct a mapping exercise for all institutions and centres providing services to persons with disabilities across the country. (Photo/ UPHLS)

were constructed and other facilitating services needed.

The constructions at all 5 sites are at the final stages. 5 health care providers from each health centres were trained in disability & HIV&AIDS, Communication with hearing impaired persons using Rwanda Sign language as well as training on mobility and orientation for the blind.

On the side of disability organizations, 4 national level organizations are directly contributing in the implementation of the project and these are the leading organizations representing specific disabilities like the Rwanda Union of the Blind, Rwanda National Union of the Deaf (RNUD), The Association General des Handicappe du Rwanda (AGHR) and the National Organization of Users and Survivors

of Psychiatry of Rwanda (NOUSPR).

The organizations recruited peer educators from their members in the 5 catchment areas of the project and were trained by UPHLS on how they can offer home based care to their colleagues with disabilities living with HIV&AIDS.

UPHLS produced a number of IEC materials in different accessible formats like braille, DVDs with sign language and subtitles, flyers, posters etc with different message related to the inclusion of PWDs in HIV&AIDS and health.

The upgraded health facilities in the region will serve as models for other health facilities in the region to come and learn from the best practice. But also for the government to recommend actors in health to refer to the upgraded facilities in their future interventions

Arangije icyiciro cya gatatu cya kaminuza yandikisha amano!

Umugabo ufite ubumuga bw'amaboko yashoboye kwiga yandikisha amano, ubu arangije icyiciro cya kaminuza cya Masters.

Uwo ni Jean Twagirimana wo mu Rwanda. Avuga ko abafite ubumuga barushijeho gufashwa bashobora kuba bahangana mu buzima busanzwe n'abafite ubumuga.

Twagirimana atuye mu murenge wa Mayange mu Karere ka Bugesera. Ni umusore w'imyaka 31 akaba yaravukanye ubumuga bw'amaboko yombi ku buryo adashobora kugira icyo ayakoresha, habe no gufata ikaramu.

Yagize ati: "Nyuma yo kubona ko mfite ubumuga bw'amaboko ababyeyi bitabaje abahanga mu byiciro bitandukanye bababwira ko ubwo amaboko adashobora gukora, izindi ngingo zishobora gukora, banyigisha kwandika nkoresheje amano. Ni muri ubwo buryo bantowe gufata ikaramu mu mano, ntangira kwiga ndanatsinda, kugeza kuri uru rwego ndacyakoresha amano."

Akoresheje amano, abasha guhindaguranya impapuro z'ikaye, akanayakoresha mu kwandika.

Kuri mudasobwa naho akoresheje amano kugira ngo agire icyo yandika kuko amaboko ye ntabwo akora.

Byinshi mu byo akora



Jean Twagirimana. (Photo/ Solidarity Magazine)



abikoresha amano

Mu mashuri makuru yize umwuga wo kwigisha ndetse no mu cyiciro cya mbere cya kaminuza; ariko ngo yaje kubona ko bidahagije.

Ati: "Amasomo nari nagiyeye gukurikirana ni amasomo y'uburezi budaheza; uburezi bw'abantu bafite ubumuga.

Nahisemo kuba nakurikira aya masomo kubera ko nabonaga ko hari byinshi nkeneye kumenya naba ntarabonye ndetse maze kubona ko na barumuna banjye nyuma bagifite ibibazo nk'ibyo bashobora kuzanyura muri aya masomo."

Si byose akoresheje amano. Hari ibyo

ashobora kwikorera birimo kuba yakoza mu kanwa akoresheje uburoso bw'amanyo, kwambara inkweto cyangwa kuzukuramo ndetse no kurya ariko byo ngo yakwirishye iyo ari mu rugo iwe gusa.

Yarinze yiga amashuri yose adakoresheje amaboko mu kwandika

N'ubwo bimeze gutyo ariko ngo ntibyamworohye kubera ko aho agiye hose agomba kugira undi muntu umuherekeza mu kumufasha kumukorera ibyoye we adashoboye.

Avuga ko nta vangura yigeze ahura na ryo ko ariko hagombye kubaho ubuvugizi bukomeye bwakorerwa abafite ubumuga mu buryo bwo kubafasha ku isoko ry'umurimo.

Yasobanuye agira ati: "Haracyarimo imbogamizi kuko kenshi usanga dukeneye ibikoresho bitandukanye n'ibyo abandi baba bafite mu kazi mu buzima busanzwe... Ubwo bufasha ntibuba buhari. Haracyari imbogamizi kuba abantu batari baramenya ibikoresho abantu bafite ubumuga bakeneye kugira ngo babashe kwinjira mu kazi."

Jean Twagirimana avuga ko abafite ubumuga bashoboye gufashwa mu myigire yabo bashobora guhangana n'abandi ku isoko ry'umurimo mu nzego zitandukanye bikabarinda gusabiriza.

TUMENYE AMATEGEKO MPUZAMAHANGA ARENEGRA ABANTU BAFITE UBUMUGA

Mu numero y'ubushize twagarutse kuri zimwe mu ngingo zikubiye mu masezerano mpuzamahanga ku burenganzira bw'abafite ubumuga kugira ngo abantu barusheho kumenya uburenganzira bw'abafite ubumuga bityo hacike burundu ihezwa ryabo muri gahunda zitandukanye. Ni muri urwo rwego rero tugiyeye gukomereza ku zindi ngingo z'aya masezerano kugira ngo abantu barusheho gusobanukirwa ibyo abafite ubumuga bakenera nk'abandi bantu bose badafite ubumuga

Ingingo ya 28: Imibereho myiza no kurengerwa mu muryango mugari.

Igika cya mbere cy'iyi ngingo kigira kiti: Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byemera ko abafite ubumuga bafite uburenganzira bwo kugira ubuzima buboneye kuri bo ubwabo no ku miryango yabo, harimo indyo iboneye, imyamabaro n'icumbi biboneye; bafite nanone uburenganzira bwo kugira imibereho y'ubuzima iboneye buri gihe. Ibyo bihugu bigomba kandi gushyiraho ingamba zo kwita no kubahiriza ubu burenganzira nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiye ku bumuga.

Ingingo ya 2 igira iti: Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byemera uburenganzira bw'abafite ubumuga bwo kugira umutekano mu buzima rusange kandi ubwo burenganzira bukubahirizwa nta vanguarda rishingiye ku bumuga. Bigomba gufata ingamba ziboneye zo kwita no gushyira mu bikorwa



Abafite ubumuga. (Photo/ Solidarity Magazine)

ubu burenganzira. Muri izo ngamba harimo:

a) Gukora ku buryo abafite ubumuga bagira uruhare rungana n'urw'abandi kuri serivisi z'amazi meza, serivisi ziboneye kandi zigera kuri bose, ibikoresho n'izindi nkunga zigamije kwita ku byo abafite ubumuga bakenera;

b) Gukora ku buryo abafite ubumuga, cyane cyane abagore n'abakorwa bafite ubumuga, abasheshe akanguhe bafite ubumuga, bagira uruhare muri gahunda zigamije imibereho myiza na gahunda zo kurwanya ubukene;

c) Gukora ku buryo abafite ubumuga hamwe n'imiryango yabo baba mu bukene babona inkunga ya leta yerekeranye no gufasha abafite ubumuga. Muri iyo nkunga harimo amahugurwa, ubujyanama, inkunga y'amafaranga no kwitabwaho kubw'ubuzima;

d) Gufasha abafite ubumuga kugira inyungu muri gahunda y'imiturire rusange;

e) Gukora ibishoboka byose kugira ngo abafite ubumuga babone ibiteganywa muri gahunda n'inyungu zo kuva ku murimo kubera iza bukuru.

Ingingo ya 29

Kugira uruhare muri

politiki n'ubuzima rusange.

Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba guha abafite ubumuga uburenganzira mu bijyanye na politiki n'amahirwe yo kubona ibijyanye nabwo mu buryo bumwe n'ubw'abandi. Bigomba:

a) Gukora ku buryo abafite ubumuga bagira uruhare rugaragara kandi rusesuye muri politiki no mu buzima rusange mu buryo bumwe n'ubw'abandi, mu buryo butaziguye cyangwa hifashishijwe uguhitamo gusesuye kw'abahagarariye abandi; aha twavugaga uburenganzira n'amahirwe by'abafite ubumuga bwo gutora no gutorwa cyane cyane:

(i) Bikora ku buryo gahunda z'amatora, aho agomba gukorerwa n'ibikoresho bigomba kuba biboneye kandi bishobora gukoreshwa mu buryo bworoshye kandi bikaba byumvikana neza;

(ii) Kwita ku burenganzira bw'abafite ubumuga bwo gutora mu ibanga mu gihe cy'amatora no mu matora ya kamarampaka nta guterwa ubwoba, uburenganzira bwo kwiyamamaza igihe cy'amatora, bwo kugira

umwanya mu butegetsu bagakora imirimo rusange ku nzego zose za Leta, bagahabwa ibikoresho n'ikorabuhanga riboneye ribafasha mu mirimo yabo aho bikenewe;

(iii) Gukora ku buryo abafite ubumuga bagira ubwisanzure mu matora, muri urwo rwego iyo bibaye ngombwa, babisabye, bagomba gufashwa mu gihe cy'itora n'umuntu bihitanyemo.

b) Gushyiraho uburyo buboneye bufasha abafite ubumuga kugira uruhare rusesuye kandi ruboneye muri gahunda z'igihugu nta vangura, bigakorwa mu buryo bumwe n'ubw'abandi; kubakangurira kugira uruhare muri gahunda z'igihugu, harimo:

(i) Kugira uruhare mu miryango rusange n'amashyirahamwe ategamiye kuri leta afite gahunda zijyanye na politiki z'ubuzima rusange by'igihugu, no mu bikorwa n'imitwe ya politiki;

(ii) Gushinga no kuba abanyamuryango b'imiryango y'abafite ubumuga ku rwego mpuzamahanga, rw'igihugu, rw'akarere ndetse n'urw'ibanze.

Mu numero yacu y'ubutaha tuzagaruka ku ngingo zikurikira iyi, mu rwego rwo gufasha abanyarwanda kubahiriza no guraharanira uburenganzira bw'abafite ubumuga basobanukirwa ingingo zikubiye mu masezerano mpuzamahanga ku burenganzira bw'abafite ubumuga ndetse n'andi mategeko n'amategeko-teka yashyirirwaho kurengera uburenganzira bw'abafite ubumuga kugira ngo barusheho kwibona mu muryango nyarwanda bahoze bahezwamo.

Ikibazo ntabwo ari umwihariko w'abana b'impunzi z'Abarundi



Abakobwa bose ni kimwe, baba impunzi cyangwa atarizo, ariko na none abanyantege nke bagahabwa umwihariko wabo.. (Photo/ net)

Nyinshi mu mpunzi z'Abarundi ziri hano mu Rwanda ziri mu nkambi, cyane iya Mahama, ariko hakaba n'izindi ziri mu mijyi itandukanye hano mu gihugu.

Impunzi iyo ziva zikagera ziba ari abantu bari mu bibazo washyira mu rutonde rw'abanyantege nke, bakaba bakeneye ubufasha bw'umwihariko ariko abantu bakirinda kubikabiriza kuko impunzi n'ubwo ziba zarameneshejwe mu gihugu cyazo nazo ziguma ari ibiremamuntu nk'uko bimeze kuba baba barahungiyeho.

Muri iyi minsi havuzwe cyane ku kibazo cy'ubusambanyi abana b'abakobwa b'impunzi z'Abarundi bishoramwo. Muri ubwo busambanyi hakavugwa iby'uko abana

baterwa inda z'indaro bakiri bato, hakaba n'abatari bake bamaze kwandurira SIDA muri ubwo busambanyi.

Aya ni amakuba abana bato nk'abo kwishora mu busambanyi bakahasamira inda z'indaro kimwe n'indwara zifatira mu mibonano mpuzabitsina.

Nubwo ariko ntahakana cyane yuko ibibazo bituma uba umunyantege nkeya umukobwa akaba yakwishora mu ingeso nk'izo z'ubusambanyi, ariko ntabwo wavugaga ngo igikuba cyacitse ngo Abarundikazi b'impunzi hano mu Rwanda barasambana cyane kubera ubukene butuma bahinduka abanyantege nkeya bakaba bakwishora mu busambanyi ubundi batakagiyemo iyo baza kuba batarabaye impunzi !

Ntabwo tugomba

UKO NI UKURI

na
Casmiry Kayumba



kurebera ubusambanyi muri izo nzira zoroheje kuko dukomeje gutyo ahubwo ubwo busambanyi twaba tubutiza umurindi. Ntabwo hasambana abakobwa b'impunzi gusa kuko n'abatari impunzi nabo basambana. Ingero ni nyinshi zigaragaza yuko n'abakobwa badakennye bajya mu busambanyi hakaba hari n'izigaragaza yuko yuko hari n'abakennye ariko bakihangana ntibajye muri ubwo busambanyi nk'uko hari n'abadakennye kubujyamo

Abakobwa bose rero ni kimwe, baba impunzi cyangwa atarizo, ariko na none abanyantege nke bagahabwa

umwihariko wabo. Aba banyantege nke ariko bashobora kuba ari impunzi cyangwa atarizo ! Umwana tumufate nk'undi kuko bese bafite agaciro n'ingorane zifite aho zihurira.

Nk'ikibazo cyo gukemura izo nda z'indaro cyangwa indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina byakemurwa no kwifata cyangwa gukoresha agakingirizo, ariko kuba kwifata bigaragara yuko byananyiranye kuri benshi, gukangurirwa agakingirizo bikaba ariwo muti nyawo. Ibi kandi bigakomeza gukorwa kuri bese, ku impunzi n'izitari zo kuko umubiri ubatega kimwe !

IBICIRO BYO KWAMAMAZA

Page 1 ifite amabara 400,000 Frw

Page 1 idafite amabara 300,000 Frw

Page 1/2 ifite amabara 200,000 Frw

Page 1/2 idafite amabara 150,000 Frw

Contacts Tel: +250 - 788521257

The second East African Regional workshop on Disability is taking in Kigali Rwanda

The second workshop is taking place at Novotel Umubano 9-11 August 2016. The workshop was opened by Alivera Mukabaramba, the Minister of State in charge of Community Development and Social Affairs (MINALOC) who said that the workshop is an opportunity to share the experiences and achievements of each National Council following the first workshop in March 2016 in Kigali. The workshop was organized by NCPD in collaboration with JICA. The JICA representative from Rwanda Mr HIROYUKI Takada said that JICA was helping to develop Rwandans across many sectors including Persons with Disabilities and is also starting to extend activities from Rwanda into the East African Community.

Each National Council presents their achievements after the first workshop

Since March 2016, several advocacy meetings were conducted to explain the rationale for positive discrimination in employment in favour of Persons with Disabilities.

NCPD Rwanda is compiling a list of all assistive devices and will submit the final list to the Ministry of Finance and Economic Planning for waving of tax (Tax exemption). This will help



Since March 2016, several advocacy meetings were conducted to explain the rationale for positive discrimination in employment in favour of Persons with Disabilities. (Photo/ Solidarity Magazine)

many business people to import more assistive devices and create more jobs. Tanzania has more focused laws protecting Persons with Disabilities. Affirmative action is a constitutional matter in Uganda and arising from that a number of government entities have recruited skilled PwDs. According to the constitution's national objective, PwDs are supposed to be represented in all parastatal organizations. In Burundi they are finishing the development of a law that covers the rights of Persons with Disabilities. The Bill is now on the table of the government and mentions that the NCPD will be covered by the law once it is finished. It will be supported by the partners and these two bills will be officially presented to the Minister in charge of Persons with Disability.

AFTER THE WORKSHOP THE STATEMENTS ON

DISABILITY WERE SIGNED.

- The Representatives of the National Councils of Persons with Disability in the East African community agreed on the following joint statements on disability to the EAC Head of States:

- Disability should be made part of planning, implementation and monitoring of national and regional strategies in line with Sustainable Development Goals with clear and feasible numerical targets and indicators.

- The disability sector through the National Council for Persons with Disabilities should be represented at SDGs implementation focal points at national and regional level

- National Council of Persons with Disabilities should be established and strengthened as lead government agents in all partner states with structures that are

harmonized in order to represent their voice into national and regional development in an effective manner,

- Each government shall strengthen the function of their National Council for Persons with Disabilities with adequate funding as a major actor for promoting the rights of Persons with Disabilities,

- Each government shall recognize the importance of regional cooperation on disability and take responsibility for it,

- Replica Council of Persons with Disabilities is established at East African Community level to work with the councils at the partner state level.

During the closing remarks every delegation committed to follow up and to ensure the Kigali Joint Statement on Disability reaches the Head of State and disseminate the statements in stakeholder meetings, relevant media etc..

Impunzi z'abarundi zifite ubumuga ziratabaza

Abarundi bafite ubumuga bahungiyeye mu nkambi y'i Mahama mu gihugu cy'u Rwanda, barasaba amashyirahamwe akorera mur'iyi nkambi kubafasha hakurikijwe ubumuga bwabo ,kuko ngo nk'abafite ubumuga basanzwe bagira ibibazo bibugariza mu buzima bwabo bwa buri muni.

Imibare itangwa na Esnest Habimana,uhagarariye abafite ubumuga bo mur'iyi nkambi, yerekana ko kugera mu mu mpera z'ukwezi kwa gatatu bose hamwe bari 360, bafite ubumuga butandukanye. Hari abatavugaga, abatumvaga, abatabona, abafite ubumuga bwo mu mutwe, abafite ubumuga bw'ingingo n'ubundi.

Mu buzima bwabo bwa buri muni, abo bafite ubumuga bavugaga ko bahura n'ingorane nyinshi. Zimwe muri izo ngorane, zifatye ku mibereho yabo ya buri muni ; kudashobora gukora iby'abandi bakora, gusuzugurwa hamwe na kutizerwa.

Umwe muri abo bafite ubumuga, ugendera ku bibando bibiri kuko afite ubumuga

bw'amaguru, agira ati: "Kubera batameze nk'abandi, ababanyi babafata nabi. "Abo tubana badufata nk'uko umengo ntaco tumaze. Imvugo bakoresha iravyerekana. Batwita ibimuga, iyo nayo ikaba ar'imvugo ngereranyo isigura ko tumeze nk'inkono yamenetse ataco imaze".

Bamwe muri abo bafite ubumuga bakomeza bavugaga ko iyo bageze mu gihe cyo gushaka, bitaborohere kubona abo bubakana ingo kubera kwa gusuzugurwa, benshi bibaza ko nta cyo bashoboye. Umwe muri bo wemeza ko yabonye umufasha bimugoye yagize ati: "Jewe narigeze kwifuzza uwo twubakana, ndakunda umukobwa, ariko maze kubimubwira, yaciye arakara, arantuka, ambwira ko ndamuteye umukoshi".

Abafite ubumuga b'abarundi bakomeza bavugaga ko utuzi tw'ubwihereho n'aho bogera, bisa n'aho byubakiye abafite ubumuga gusa. Umwe muri bo ati: "Tugiye mu bwihereho canke kwoga umubiri wose, tubona ay'inkoko yabonye kumugezi.

Abamugaye amaguru ntiturongka aho twicara kuko hose hateguriwe abakomeye gusa".

Amashyirahamwe akorera mur'iyi nkambi, arabinuba. Aba bafite ubumuga bemeza ko batabona akazi bitewe nuko abantu benshi bibwira ko nta cyo bashoboye mu gihe harimo n'abize bashobora gukoresha umutwe. Umwe muri bo ati: "Aha muri twebwewe harimwo n'abize za kaminuza. Bakwiye natwe kutwiyumvira iyo bariko baratanga ubuzi".

Abafite ubumuga b'abarundi bahungiyeye mu Rwanda bakaba bacumbitse mu nkambi ya Mahama bavugaga ko bafite uruhuri rw'ibibazo batavugaga ngo babirangize.

None barasaba iki?

Icyamba mbere basaba, ni uburenganzira bwabo. "Dusaba kwubahirizwa. Abajewe inkambi, botegerejwe guhimiriza ababa mu nkambi bakabumvisha ko bategerezwa kwubaha no kwubahiriza abagendana ubumuga." Ibyo ngo babisaba

kuko ar'abantu nk'abandi na cyane cyane ko ubumuga budasezerana kuko bushobora gufata uw'ariye wese, umwanya uw'ariwo wese.

Abafite ubumuga b'abarundi, hagendewe ku bumuga bafite, barasaba inyunganirangiro n'insimburangingo ndetse n'amavuta yo kwisiga agabanya ubukana bw'izuba ku bafite ubumuga bw'uruhu rwera. Ikindi basaba, ngo n'uko inyubako zakubakwa ku buryo abafite ubumuga borohereweza kuzigendamo.

Ku rundi ruhanda ariko, abafite ubumuga b'abarundi barashima uburyo ayo mashyirahamwe abitaho. "Naho tuyasaba kutwitaho gusumba, ntitworeka gushima ibikorwa amashyirahamwe nka HCR, Save the Children hamwe na Handicap International adufasha, nko kuturonsa amatela turyamako, mu kudufasha kwivuza, n'ibindi" ibi ni ibitangazwa na Ernest Habimana uhagarariye abafite ubumuga b'abarundi.

Audace Nimbona

Abana bafite ubumuga bwo mu mutwe bagira inshuti nke zibitaho

Ibikurikira urup. 2

intara ya Muhima rifatanije n'igihande cy'icyongereza kuri iki cyumweru tariki ya 18 nzeri nibwo batabarije ikigo cy'aba bana cyitwa Inshuti zacu umuryango witwaga Free wheelchair Mission ubinyujije muri Food for the hungry baha amagare iki kigo maze abizera bo muri iryo torero nabo bateranyaga ibiribwa birimo umuceli, kawunga ,isukali amasabune hamwe na Biswi zabo bana baherekezwa na Pasteur w'intara ya Muhima Emmanuel Ndengeyinka babishyikiriza icyo kigo.

Hellena Umurungi ukuriye icyo Gihande cy'icyongereza akaba yaratangarije Solidarity Magazine ko kubona uri muzima ugenda ntacyo uba

watanze. Akomeza avugaga ati "Kuki aba bavukanye ubu bumuga twe tukaba ntabwo dufite , iyo dusuye aba bana tuba twiremamo umutima wo gukunda, kandi iyo ufashije aba bana uba wegera urukundo rwa Yesu".

Soeur Emeritha ashimira iki gikorwa cyakozwe n'abakirisitu b'abadventiste, ati: "ntabwo ari ubwa mbere badusura ubwo baheruka basanze dufite ibibazo by'amagare kuko uterura umwana wageraho ukananirwa bahava biyemeje kudukorera ubuvugizi tukaba tubashima kuko babigezeho bakaba batuzaniye amagare agera ku icumi afite agaciro kagera ku bihumbi bine by'amadorali (4000\$)."

Yakomeje avugaga ko ibi ari



Abana bafite ubumuga bwo mu mutwe. (Photo/ Solidarity Magazine) agatonyanga mu Nyanja. Ngo baracyafite ibibazo byinshi gusa ngo bakaba barabigejeje kuri NUDOR kuko iki kigo cyubatswe na Fondation Liliane ubu yimukiye muri NUDOR.

Ikibazo cy' ingutu bagifite ni ugutandukanya abana bamaze

gukura bakubakirwa aho kuba bakava mu bana, ikindi ni uruzitiro rwaho batuye kuko ni ku muhanda neza bafite impungenge ko abana babacika bakajya mu muhanda imodoka zikabagonga, bakaba bizera ko nubwo batarasubizwa ariko bizakemuka.



MyRight is the Swedish disability rights movement's umbrella organization for international development cooperation. MyRight works to ensure that persons with disabilities are better able to access their rights.

Our development work is driven in partnership between MyRight's member organizations and their counterpart DPOs in MyRight's programme countries. MyRight supports projects and programmes that aim to enhance the impact of DPOs in our programme countries or through regional networks. The establishment of strong organizations provides persons with disabilities with greater opportunities to be their own agents for change and to represent their members and their needs.

In Rwanda, MyRight works with Rwanda Union of the Blind (RUB), Rwanda National Union of the Deaf (RNUD) AND Rwanda National Association of the Deaf Women (RNADW) in a partnership project aiming to improve the situation for persons with Deaf blindness in Rwanda. Partners are engaged in rehabilitation program for people with Deaf blindness where they mainly concerned on activity of daily living to help them being reintegrated into mainstream society and

MYRIGHT Empowers People with disabilities



UWIZEYIMANA Naomi is an 18-year-old girl from Gisagara District in southern province of the country. She was born without any disability. She lost her sight at the age of 2. When she was 8 years old she also lost her hearing. Naomi participated again in the project activities of 2015 where she got different trainings focusing on tactile sign language. She now feels more capable to communicate by using tactile sign language.



Rugira Jean Paul is 37 years old with 5 children and he is living in Kigina sector, Kirehe district, eastern province. He has been blind for 16 years because of illness and he got married after five years of blindness that was in 2006. After becoming blind he felt completely lost and hopeless because he could only eat when given food and he stays at home all time. Rugira who was orphan and coming blind he sat down him selves and thought about his future life. He decided for doing small income projects where he started by doing agricultural, animal husbandry and commerce of goats, cows and second hand clothes. Then after few years he realised that its projects is not going well and he decided to make some changes where he stopped selling goats, cows and clothes and come up with agricultural and animal husbandry and commerce of agriculture harvest. Now the project is going well. He says that through that project he achieved many things, now he has his own house worth to 5000000rwf and a piece of land worth to 16000000rwf. His children are in school, the first born is in secondary school senior three and the last born in nursery school and he pays the school fees for them. He says for him challenges are not many but the big challenge is right of PWVI to property (in heritage) and right to the government services or programs. But hopefully after RUB come in our district everything will be better. To conclude this story Rugira thank first of all Almighty God who gives him the ability to work and manage his family; secondly his wife who helped him to get out of isolation and thirdly Rwanda Union of the Blind (RUB) to help people with visual impairment from kirehe to come together and establish an association.

restoring their hope.

MyRight also works with Rwanda Union of the Blind (RUB) in a partnership project of Mobilization of blind people from the grassroots.

MyRight works again with Collectif Tubakunde in a partnership project aiming at increasing Human Rights for Children with Intellectual disabilities in Rwanda to ensure

quality education in 14 centers taking care of these children.

MyRight and DPOD (Disabled People Organizations of Denmark) supports the National Union of Disabilities' Organisations of Rwanda (NUDOR) to Advocate for Rights and Dignity of Persons with Disabilities in Rwanda.

RUHANGO: IKIGO CYITA KU BAFITE UBUMUGA KIRACYAHURA N'IMBOGAMIZI Z'UBWINSHI KU BAKIGANA KANDI AMIKORO ARI MAKE

Ubuyobozi bw'ikigo cyita ku bafite ubumuga cyitwa Fransisco Francois d'Assize, Kiri mu murenge wa Kabagali akarere ka Ruhango, kiravuga ko gihangayikishijwe cyane n'umubare w'abfite ubumuga, bakomeje ku kigana kandi nta bushobozi buhagije bwo kubitaho.

Umuyobozi w'icyo kigo Umubikirakazi, Nyirarukundo Vivine, avuga ko iki kigo cy'abihaye Imana, cyatangiyeye mu mwaka wa 2006 gifite intego zo korohereza ingendo abafite ubumuga bakoraga bajya kwivuriza mu bice bya kure.

Soeur Nyirarukundo arasaba abagiraneza bafite umutima w'impuhwe kumufasha kugira ngo bakire benshi babashe kubaha ubuvuzi.

Ati "nk'abihaye Imana, tuba tugomba kwita ku banyanteye nke, niyo mpamvu twashatse kwita kuri aba bavandimwe



Soeur Nyirarukundo arasaba abagiraneza bafite umutima w'impuhwe kumufasha kugira ngo bakire benshi babashe kubaha ubuvuzi. (Photo/ Solidarity)

batuye mu cyaro, kugira ngo tubagabanyirize ingendo, kuko wasangaga bajya kwivuriza za Gahini, Bugesera n'ahandi.

Ugasanga birabavuna cyane kandi nta mikoro bafite".

Uyu mubikirakazi, akavuga ko batangiyeye bateganya kujya bakira nibura abantu 67 bafite ubumuga, bakabitaho mu gihe cy'umwaka umwe bitewe nuko nabo nta bushobozi buhagije bari

bafite. Ariko bamaze gutangira, ngo imibare yararenze cyane, ku buryo bakira abantu basaga 510 mu mwaka.

bakazabaha indi gahunda igihe hari ubushobozi bwabonetse, ati "baraza ari benshi, tukabakorera isuzuma, tukabakorera iby'ibanze, ariko kuko tuba tudafite ubushobozi bwo kubitaho baba hano, turabohereza bagasubira imuhira, twagira aho tugobotora inkunga tukabatumaho dukurikije uburwayi bwa buri muntu".

Uyu muyobozi, agasaba buri wese cyangwa izindi nzego zifite ububasha, ko bagira umutima w'impuhwe, bagafasha aba bavandimwe bahuye n'imbogamizi zitabaturutseho, aha agashimira cyane umuterankunga ubahora hafi witwa Gatera Rudasingwa Emmanuel uzwi cyane ku izina rya

"Rasta", kuko amaze kubatera inkunga nyinshi cyane izijyanye n'insimburangingo.

Bamwe mu bivurije hano bagakira, bahamya neza ko iki kigo cyabafashije cyane, kuko bahaza rimwe na rimwe barabanje kunyura ahandi bikananirana, ariko bagera aha bakabitaho bagakira.

Habineza Baribanasi yaje kuvuza umwana we Uzamukunda Josephine aturutse mu murenge wa Byimana, avuga ko umwana we yafashwe n'ubumuga bwo mu mutwe afite imyaka ine, yamutwaye mu bitaro bya Kirinda(Karongi) , biranga amujyana CHUK, nyuma anamujyana I Ndera ariko umwana ntiyakira.

Akavuga ko yaje ku muzana muri iki kigo cya Kabagali, gusa ngo kubera ko yabuze aho umwana we aba, ubuyobozi bw'iki kigo bwamusabye kumusubiza mu rugo bakajya bamutumaho akamuzana bakamuvura.

Mu gihe iki kigo kimaze gitangiye, kikaba kimaze kuvura benshi babana n'ubumuga, gusa ngo kibonye amikoro menshi, cyagoboka benshi bahera mu ngo babuze Kivurira. Kugeza ubu uretse abatuye akarere ka Ruhango, ubu cyatangiyeye no kwakira abandi barwayi baturutse mu tundi turere tugize igihugu.

Ubwanditsi



Bamwe mu bahagana bahava nibura babonye inyunganira ngingo kandi bagakomeza kubitaho nubwo baba baratashye. (Photo/ Solidarity)

UGHE ntizibagirwa abafite ubumuga



Dr. Agnes Binagwaho, umwalimu mushya muri UGHE. (Photo/ Courtesy)

Kayumba Casmiry

Mu ma gambo arambuye UGHE yitwa University of Global Healthy Equity, bisobanuye ubuvuzi kuri buri wese cyangwa ukaba wanabyita ubuvuzi kuri buri byose kuko iyi kaminuza uretse kwigisha abaganga bavura abantu inanigisha n'abavura amatungo cyangwa n'ibindi bikoko.

Iyi kaminuza mpuzamahanga ikomoka muri Amerika ubu ikorera hafi y'ibitaro bya Rwinkwavu biri mu karere ka Kayonza. Mu cyumweru gishize iyi kaminuza yakiriye abanyeshuli 25 basanga

abandi 26 yari yakiriye umwaka ushize.

Iyi kaminuza ifite ibikoresho byiza rwose kandi n'abalimu bahigisha ni mpuzamahanga kandi babifitiye ububasha. Uretse aho Rwinkwavu muri Kayonza iyo kaminuza inakorera muri Kirerehe ndetse na hano mu muji wa Kigali, ariko icyicaro gikuru kikaba aho Rwinkwavu.

Ariko witegereje imiterere y'aho Rwinkwavu UGHE ikorera usanga abantu bafite ubumuga batirigeze batekerezwaho. Winjira muri iyo kaminuza unyura ahantu

umuntu ufite ubumuga atashobora kunyura, n'aho basohokera ujya aho abanyeshuli baryama naho ntabwo byoroshye kuba umuntu ufite ubumuga yahanyura.

Ariko hari icyizere. Ubuyobozi bw'iyi kaminuza, iyobowe n'umunyamerika witwa Dr. Peter, buvuga yuko bateganyije kwimurira icyicaro gikuru cy'iyi kaminuza muri Butaro mu karere ka Burera. Ngo aho hantu hazaba hari ibya ngombwa byose harimo no kubantu bazaba bafite ubumuga. Aho Rwinkwavu twahasanze umutegarugore umwe gusa ufite ubumuga kandi nawe usanga ubwo

bumuga bwe budakabije cyane kuba byatuma atanyura muri za nzira twavuze zigoranye !

UGHE ni kaminuza mpuzamahanga yigenga ishamikiye kuri Harvard Medica School na Tufts Cummings School of Veterinary Medicine muri Boston. Muri abo banyeshuli 25 yakiriye uyu mwaka 19 bava mu Rwanda naho batandatu bakava hanze yarwo. Abo bavuye hanze baje baturuka mu bihugu bya Australia, Burundi, Mexico, Nepal na USA. Mu balimu bashya bafite harimo na Agnes Binagwaho wari Minisitiri w'ubutabera hano mu Rwanda.

DISABILITY RIGHT FUND MET DISABILITY PEOPLE ORGANIZATIONS



A group photo after the summit. (Photo/ Solidarity)

The 1st day was a training with the theme “Leave no one behind: include persons with disabilities in the implementation of the Sustainable Development Goals in Rwanda” The trainee highlighted the key point important to participants as a general overview of the 2030 Agenda for Sustainable Development and the Sustainable Development Goals (SDGs), how persons with disabilities are included, and ways in which persons with disabilities and disability organizations can participate and influence the follow-up and review process. Furthermore, the global SDG indicator framework and global follow-up and review

mechanism (High-level Political Forum) will be addressed and the ways in which persons with disabilities can participate and influence these processes.

The 2nd day has much focused on different panelists on different topics as the 1st panel was about “Inclusion of Persons with Disabilities in the implementation of National Human Rights Action Plan 2015 – 2020 , and implementation of the recommendation of the Round II of the Universal Periodic Review” the panelists were coming from different institutions either Government, and Civil society. The 2nd panel was about “How can DPOs engage the media in the promotion

and protection of disability rights in Rwanda?” After each panel participants were about to ask questions vis a vis to the themes presented, as well as responses from the panelists through discussions.

Some of Panelists from different CS Organizations and Government institutions during the discussions

The 3rd day which was the last one, has also much focused on NUDOR presents where Rwanda stands in process of the parallel report preparation and timeline for its submission to UN ; It was also focused on DPO’s presentations of their projects

one by one which supported by DRF as well as questions and responses from both sides. This was also an occasion to DPO’s to evaluate their relationships with local media. Some of DPO’s leaders expressed their worries on how media are not more sensitives to disabilities issues. Journalists and communication experts who participated in the convening highlighted that the role of media is not to create news but fetch where they are. They then urged DPO’s leaders to shine from their activities which can attract media towards them.

*By Francois
BIZIMANA*

Tugomba gukora cyane aho guhora dushaka ibisobanuro byo gutsindwa - Minisitiri Uwacu Julienne

Aya ni amagambo ya Minister Uwacu Julienne nyuma yo kubone uko ikipe yacu yitwaye mu mikino Paralempike aho yari imaze kwegukana umwanya wa 8 mu makipe umunani yitabiriye iyi mikino, nkuko yabitanagije amaze kubona ibyanditswe yasabye ko aho gushaka ibisobanuro cyangwa impamvu zo gutsindwa ahubwo hakwiye kubaho gukora cyane kugira ngo twirinde ibyo bisobanuro.

Ikipe ya Sitting Volleyball ikaba yaratsinzwe imikino yose iyitabiriye muri Brazil, kandi ntacyo itakorewe kugira ngo nibura ibe yarushaho kwitwara neza kuko yabonye umwanya wo kwitegura kuko yagiye mu Bushinwa yerekeza muri Slovakia yemwe isoreza mu Buholande aho hose yakoraga imyitozo, amahirwe akaba yari asigaye kuri Muvunyi Hermas nawe bivugwa ko atabashije kwitegura neza kuko habuze amikoro akaba yarafashijwe na NPC Rwanda gusa.

Kuri uyu wa gatanu tariki ya 16 nibwo Muvunyi yarushanijwe muri metero 400m bari mu majonjora abona



Muvunyi yarushanijwe muri metero 400m bari mu majonjora abona umwanya wa kabiri umuha itike yo gukina byanyuma kuri uyu wa gatandatu, aliko muri uwo mugoroba akaba yongeye gusiganwa muri metero 1500 (Photo/ net)

umwanya wa kabiri umuha itike yo gukina byanyuma kuri uyu wa gatandatu, aliko muri uwo mugoroba akaba yongeye gusiganwa muri metero 1500 ari naho yari yizeye ko ashobora kwitwara neza aliko byaje kurangira abonye umwanya wa gatanu yamahirwe yarafite yo kubona umudali nawe aba ashiriye aho.

Kuri uyu wa gatandatu nibwo yongera gusiganwa muri metero 400 aho abageze ku mukino wa nyuma bagera ku 8 akaba yizeye ko ashobora

kwitwara neza kuko ntahandi asigaye amahirwe, uwo muni warageze arasiganwa aliko ikibabaje nuko ibyamubaye Londre muri 2012 aho yasunikaga mugenzi we byongeye kumubaho ubwo yisiganwaga kuko yakandagiye mu mwanya utari uwe bituma bamukura mu irushanwa ku buryo nta mwanya yanabonye

Iyi mikino ikaba izasozwa kuri iki cyumweru aliko nkuko Minister yabagiriye inama bakaba bakwiriye gutangira gutegura Tokyo muri 2020

kuko iyo utiteguye mbere niho utangira ushaka ibisobanuro byo gutsindwa, ibi tubisige nk'umugani ahubwo dusingire ibindi abakina Sitting Volleyball batangire hakiri kare nkuko muri Taekwondo bemeza ko bafatanije na NPC batangiye kwitegura Tokyo kuko bafite abakinnyi bagera kuri 4 bafite ubumuga bw'ingingo bizera ko bazerekeza muri Japan, kuko imyiteguro yabo ibereka ko bashobora kuzatsinda ayo marushanwa.

Jean Pierre Habimana

